FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali
Email : ferwafa@yahoo.fr
Web site: www.ferwafa.rw

AMABWIRIZA AGENGA AMARUSHANWA Y'UMUPIRA W'AMAGURU W'ABAGORE MU RWANDA : ICYICIRO CYA MBERE (D1), UMWAKA WA 2017

Ingingo ya 1

Amabwiriza agenga shampiyona y'icyiciro cya mbere (D1) ashyirwaho na FERWAFA, buri mwaka w'imikino.

Ingingo ya 2

Shampiyona ya 2017, izatangira tariki ya 06.05.2017, ikazakinwa n'amakipe 9.

Ikipe yemerewe urutonde rw'abakinnyi batarenga 30 izakoresha muri shampiyona. FERWAFA n'iyo itanga gahunda yerekana uko amakipe azahura, ibibuga bizakinirwaho, igashyiraho abasifuzi n'abakomiseri bazayobora iyo mikino.

Ingingo ya 3

Iyi shampiyona izakinirwa mu itsinda rimwe amakipe akazahura mu mikino ibanza n'iyo kwishyura (Aller et Retour).

Ingingo ya 4

Amakipe abiri ya nyuma azamanuka mu cyiciro cya kabiri.

Ikipe yikuye mu irushanwa izahanishwa guhagarikwa umwaka w'amarushanwa ukurikiyeho, ikazagaruka itangirira mu cyiciro kibanziriza icyo yarimo, keretse mu gihe icyo cyiciro ntakiriho.

Ingingo ya 5

Umukinnyi wahawe ikarita y'umutuku asiba umukino ukurikira w'iryo rushanwa, keretse aramutse afatiwe ibindi bihano na komisiyo y'imyitwarire muri FERWAFA

Umukinnyi ugejeje ku makarita y'umuhondo atatu, ahagarikwa umukino uwo ariwo wose ukurikira w'iryo rushanwa. Mu gihe umukinnyi yahawe amakarita y'umuhondo abiri, akavunjwamo ikarita itukura, itesha agaciro ayo y'umuhondo akaba atabarirwa mu yandi.

Ingingo ya 6

Ikipe izakina shampiyona igomba kugeza kuri FERWAFA mu bihe byateganyijwe ibi bikurikira:

- Ikibuga cyemewe n'amategeko
- Umwirondoro w'abagize komite
  (Perezida, Umubitsi, Umunyamabanga)
- Ilisiti y'abakinnyi.
- Indangamuntu y'umwimerere,
- Ubuzima gatozi cyangwa ibaruwa igaragaza ko ubusabe bwabo bwakiriwe muri RGB,
- Ifishi iriho umwirondoro w'umukinnyi yujujeho ibisabwa byose,
- Kumenyesha FERWAFA ibara ry'imyenda ikipe yambara iyo yasuwe.

Ingingo ya 7

Ikipe yasuwe igomba gutegura ikibuga, kikaba gifite imirongo igaragara, inshundura ku mazamu, akarongo kazengurutse ikibuga kabuza abafana kucyinjiramo kari kuri metero eshatu nibura, n'ubuvuzi bw'ibanze ku kibuga.

Iyo kipe kandi ni yo igomba gushaka abashinzwe gucunga umutekano kuva umukino utangiye kugeza urangiye.

Ingingo ya 8

Ikipe isabwa kwambara imyenda yabugenewe ya siporo ifite nimero zigaragara kandi iyasuye ikitwaza imyambaro ibiri mu kwirinda ko yahuza ibara n'iyasuwe.

Ingingo ya 9

Umukinnyi amara nibura umwaka w'imikino umwe mu ikipe. **Hagati y'imikino ibanza n'iyo kwishyura**, umukinnyi ashobora guhindura ikipe mu gihe abyemerewe n'ikipe avuyemo. Ikipe kandi yemerewe kongeramo abakinnyi mu gihe itari yageza umubare ugenwa w'abakinnyi 30.

Ingingo ya 10

Imikino izajya itangira saa cyenda, cyeretse ku kibuga kizajya gikinirwaho imikino ibiri aho umukino wa mbere uzajya utangira saa saba (13h00), uwa kabiri ugatangira saa cyenda n'igice (15h30).

Amakipe yombi agomba kugera ku kibuga isaha imwe mbere y'uko umukino utangira.

Ingingo ya 11

Umukinnyi utagaragaje ikarita y'umwimerere ya FERWAFA ntiyemerewe gukina keretse ahawe uburenganzira na FERWAFA.

Ikipe yemerewe gusimbuza abakinnyi batatu mu mukino umwe.

Abanyamahanga bemewe gukina ntibarenga batatu.

Ingingo ya 12

Ikipe itagaragaye ku kibuga mu mikino itatu ihagarikwa muri iryo rushanwa guhera ku mukino ukurikira, keretse iyo hari impamvu igaragara yemejwe na Komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA. Mu gihe ivanywemo imikino ibanza itararangira, amanota yose ajyanye n'imikino yakinnye avanwaho. Iyo ivanywemo imikino yo kwishyura yaratangiye, havanwaho amanota y'imikino yo kwishyura.

Mu gihe ivanywemo irangije imikino ibanza, amanota ajyanye n'imikino yayo arabarwa. Mugihe ikipe itagaragaye ku kibuga inshuro eshatu ihagarikwa muri iryo rushanwa, igahanishwa no guhagarikwa umwaka w'imikino ukurikira ndetse yagaruka, igatangirira mu cyiciro cya kabiri.

Ingingo ya 13

Gutanga ikirego bikurikiza amategeko asanzwe ya FERWAFA, mu bihe byateganyijwe, kandi bigatangirwa ibimenyetso bigaragara.

Ingingo ya 14

Iyo umukino uhagaze bitewe n'impamvu z'ibiza (cas de force majeur) usubirwamo wose mu gihe kizagenwa na FERWAFA, imaze kubyumvikanaho n'amakipe yombi.

Ingingo ya 15

Ibibazo bitavuzwe muri aya mabwiriza, hazifashishwa amategeko agenga FERWAFA, CAF na FIFA mu gihe bidateganyijwe, Komite Nyobozi ikabifataho icyemezo.

NZAMWITA Vincent

Perezida

Pa VP

Fédération Rwandaise de Football Association